

**REPUBLIKA Y'U RWANDA**



**MINISITERI Y'UBUTABERA**

**P.O. BOX 160 KIGALI**

**IJAMBO MINISITIRI W'UBUTABERA / INTUMWA NKURU YA LETA AGEZA KU  
BAKOZI BA MINIJUST TARIKI YA 30/04/2018**

- Nyakubawa Munyamabanga wa Leta Ushinzwe Itegeko Nshinga n'andi Mategeko
- Nyakubawa Umunyamabanga Mukuru Wungirije wa Rwanda Investigation Bureau (RIB);
- Nyakubabwa Munyamabanga Uhoro /Intumwa Nkuru ya Leta Yungirije ;
- Bayobozi mwese muteraniye hano;
- Bakozi bagenzi banjye.

Mbere na mbere nagira ngo mumfashe duhe ikaze PS/SG mushya Madamu MUKESHIMANA Béatha mu muryango mugari wa Minisiteri y'Ubutabera.

Mumfashe kandi twongere twifurize imirimo myiza Madamu KALIHANGABO Isabelle twabanye igihe kitari gito adufasha muri byinshi, akaba yarashinzwe kuba "Deputy SG" wa Rwanda Investigation Bureau (RIB).

Twongeye guhurira muri iki cyicaro kugira ngo twungurane ibitekerezo, ukaba n'umwanya wo kumva ubutumwa bujyanje no kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umurimo wihizwa buri mwaka tariki ya 01 Gicurasi.

U Rwanda, kimwe n'ibindibihugu byinshi ku lsi, rwizihiza Umunsi Mukuru Mpuzamahanga w'Umurimo buri mwaka tariki ya 01 Gicurasi. Insanganyamatsiko y'uyu mwaka wa 2018 igira iti : “**Duteze imbere umurimo utanga umusaruro, twihutisha iterambere**”. Muri Minisiteri y'Ubutabera twahisemo kuwizihiza uyu munsi kubera ko twasanze ariyo tariki ibereye umunsi nk'uyu. Insanganyamatsiko imaze kuvugwa igamije gukangurira Abanyarwanda kwitabira umurimo no kuwunoza, kugira ngo biteze imbere by'umwihariko biteze imbere Igihugu muri rusange.

### **Intego zihariye z'Umunsi w'Umurimo wa 2018**

- Gukangurira Abanyarwanda gukoresha ubushoboz bifitemo mu kwihutisha ihangwa ry'umurimo no kuwunoza:
  - Gukorana umurava
  - Ihangwa ry'imirimo binyuze mu bikorera (bitanga akazi)
- Guteza imbere ubukungu bushingiye ku bumenyi n'ikoranabuhanga na serivisi inoze:
  - Ikoranabuhanga ryihutisha impinduka mu bukungu:
  - Gutanga serivisi nziza, yihuse kandi inoze
- Gushishikariza Abikorera guteza imbere umurimo ubyara umusaruro ukilateza imbere imibereho myiza y'Abakozi:
  - Kubahiriza uburenganzira bw'abakozi
  - Gukorana ubwitange n'umurava
- Gushishikariza Abanyarwanda kubyaza umusaruro isoko rihuriweho ku mugabane w'Afurika African Continenatl Free Trade Area (AfCFTA), amasezerano yasinywe tariki ya 21/03/2018. Amahirwe yitezwe:
  - Ukwihazwa mu biribwa
  - Iterambere ry'inganda

- Guhangga udushya
- Ubwiyongere bw'ubwoko bw'ibucuruzwa
- Guhererekanya ikoranabuhanga
- Guhangga imirimo
- Kwaguka ku isoko
- Iterambere rikomoka ku bwinshi bw'abantu
- Koroshyia urujya n'uruza rw'abaturage n'ibindi...

**Nk'Abanyarwanda tugomba gufata iya mbere mu gukoresha amahirwe menshi atangwa n'ayo Masezerano.**

Tukiri muri uwo murongo, nagira ngo ngaruke kuri ibi bikurikira:

- Kwita ku kazi no kugaha agaciro
- Kvirinda icyaricyo cyose cyahesha urwego dukorera
- Kubahaha, kuzuzanya no kutananizanya nk'inshingano
- Kurangwa n'ibikorwa bya gitore aho turi hose;
- Kuba imboni z'ubumwe n'ubwiyunge;
- Kuba aba mbere mu kujyana n'impinduka igihugu cyacu cyiyemeje: African Continental Free Trade Area (AfCFTA) nk'uko nabivuze haruguru;
- Kutaba ntibindeba mu kazi
- Guhora twihugura mu byo dushinzwe mu kazi kacu;
- Gukurikirana ibyo dushinzwe ku gihe no kwitegura kubibazwa;
- Kurwanya akarengane, aho dukorera, no kubo dukorera
- Kurwanya ruswa
- Gutanga no gukorera icyizere abanyarwanda n'abarutuye badufitiye
- Gukorera ku ntego no guharanira kuzigeraho mu gihe cyagenwe;

Muzarusheho gukora vuba kandi neza kugira ngo tuzakomeze muri uyu murongo.

Nagira ngo kandi mbonereho kongera gushimira abakozi barushije abandi kuzuza neza inshingano zabo n'abandi bose bagize uruhare mu migendekere myiza y'uyu munsi.

Mbifurije mwese iterambere rirambye n'umurimo unoze.

Ndangije mbifuriza mwese Umunsi mwiza w'Umurimo kandi mbasaba gushyira mu bikorwa ubutumwa bwatanzwe muri iyi nama.

Mukomeze mugire umugoroba mwiza.

---